Yabujije guhiga (ko uzakora ikintu), iranavuga iti: "Ntabwo bituma hari icyo ubona bwangu cyangwa ngo gikererwe, ahubwo guhiga bituma umunyabugugu akora icyiza (kubera ko ubusanzwe akora iby'itegeko kuri we gusa)

Hadith yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) Yabujije guhiga (ko uzakora ikintu), iranavuga iti: "Ntabwo bituma hari icyo ubona bwangu cyangwa ngo gikererwe, ahubwo guhiga bituma umunyabugugu akora icyiza (kubera ko ubusanzwe akora iby'itegeko kuri we gusa)."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije guhiga, ari byo bisobanuye ko umuntu agira umugambi wo gukora igikorwa akakigira itegeko kuri we, ataragitegetswe n'amategeko. Yaranavuze ati: Kugira umuhigo wo gukora ikintu ntibituma hari icyo ubona vuba cyangwa ngo bibe impamvu ko hari icyo uri bukereze, ahubwo bikorwa n'umunyabugugu, ukora ibyo yategetswe gusa, kandi kugira umuhigo ntacyo byageza ku muntu kirenze icyo yagenewe.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/2960